IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI YATERANYE KU WA 01 KANAMA 2019

1. IRIBURIRO

Ku wa kane tariki ya 01 Kanama 2019, inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yateraniye mu cyumba cy'Inama Njyanama mu Mujyi wa Kigali (City Hall) guhera saa kumi n'imwe za nimugoroba (17:00), iyoborwa n'Umuyobozi wayo, Umujyanama RUTABINGWA Athanase.

1.1Abajyanama bitabiriye inama:

1. Umujyanama ABATONI Peninah
2. Umujyanama BUSABIZWA Parfait
3. Umujyanama Dr HATEGEKIMANA Theobald
4. Umujyanama GAFARANGA Brigitte
5. Umujyanama KAYITANA Modeste
6. Umujyanama MICOMYIZA Gilbert
7. Umujyanama MFURANKUNDA Pravda
8. Umujyanama MUKESHIMANA Regine
9. Umujyanama MUKAMUSONI Dina
10. Umujyanama MULIGANDE Benjamin
11. Umujyanama MUSEMAKWELI Phocas
12. Umujyanama NDAGIJIMANA Jean Damascene
13. Umujyanama NDAYAMBAJE V. Fiston
14. Umujyanama NGENDO Alphonse
15. Umujyanama NKURANGA Jean Pierre
16. Umujyanama NTABWOBA MURANGWA Jules
17. Umujyanama RUTABINGWA Athanase
18. Umujyanama RUVUGABIGWI Martin
19. Umujyanama RWAKAZINA Marie Chantal
20. Umujyanama UMUGWANEZA Monique
21. Umujyanama UMUHOZA Aurore
22. Umujyanama UMULISA Husna Vestina
23. Umujyanama UWANTEGE B Olive
24. Umujyanama UWIMBABAZI Beatrice

1.2Abajyanama batitabiriye inama ariko batanze impamvu:

1. Umujyanama BITWAYIKI Andre
2. Umujyanama GAKWAYA Victor
3. Umujyanama IRAKOZE Alida Gloria
4. Umujyanama MASOZERA GAHUNZIRE Pierre
5. Umujyanama MUGENZI N. Leon
6. Umujyanama MUREKATETE Henriette Théophile
7. Umujyanama MUTAGANIRA Joselyne

1.3. Abajyanama batitabiriye inama batatanze impamvu:

1. Umujyanama GASANA Ismael Janvier

2. INGINGO IRI KU MURONGO W'IBYIGWA

1. Kwakira ubusabe bw'Umujyanama RWAKAZINA Marie Chantal bwo kwegura mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali;

2. GUSUZUMA INGINGO KU YINDI

<u>INGINGO YA MBERE:</u> Kwakira ubusabe bw'Umujyanama RWAKAZINA Marie Chantal bwo kwegura mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali.

Komisiyo y'Imiyoborere Myiza y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yasuzumye ubusabe bwa RWAKAZINA Marie Chantal bwo ku wa 26 Nyakanga/2019 bwo kwegura mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali hitabwa ku mpamvu ze zo kwegura. Hagaragajwe ko ubusabe bwe bwo kwegura bwashingiye ku Itegeko N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena Imitunganyirize n'Imikorere y'Inzego z'Imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 17 ivuga irangira ry'umurimo w'ubujyanama mu gika cyaryo cya 8 kivuga ko ari igihe yemeye undi murimo udashobora kubangikanywa n'uw'Ubujyanama.

Mu gihe cyo gufata umwanzuro, Komisiyo yasobanuriye Abajyanama ko yashingiye ku Itegeko N° 22/2019 ryo ku wa 29/07/2019 rigenga Umujyi wa Kigali mu ngingo yaryo ya 20 ivuga impamvu zituma Umujyanama ava mu

mwanya w'ubujyanama bw'Umujyi wa Kigali, mu gaka kayo ka 1 kavuga ko ari igihe Umujyanama yeguye akoresheje inyandiko n'aka 7 kavuga ko ari igihe yemeye undi murimo udashobora kubangikanywa n'uw'ubujyanama.

Komisiyo y'Imiyoborere Myiza y'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yasabye abagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali kwakira no kwemeza ubusabe bw'Umujyanama RWAKAZINA Marie Chantal bwo gusezera mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali, Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali ifata umwanzuro ukurikira:

450/01.08.2019: Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali yakiriye kandi yemera ubusabe bw'Umujyanama RWAKAZINA Marie Chantal bwo kwegura mu Nama Njyanama y'Umujyi wa Kigali kuko bwubahirije amategeko.

Byemejwe n'Abajyanama:24

Inama yasoje imirimo yayo saa kumi n'imwe n'iminota mirongo itanu n'itandatu z'umugoroba (17h56).

Bikorewe i Kigali, tariki ya 01 Kanama 2019

Umwanditsi w'Inama:

GAFARANGA Brigitte
Umunyamabanga w'Inama
Njyanama y'Umujyi wa Kigali

Umuyobozi w'Inama:

RUTABINGWA Athanase
Umuyobozi w'Inama
Njyanama y'Umujyi wa Kigali